**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y`IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA GATSIBO**
**E-mail:gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo bushingiye ku ibaruwa **Nº 2242/REB/TDM@CGC/20** yo kuwa **11/06/2020** Umuyobozi mukuru wa **REB** yandikiye Umuyobozi w'Akarere amugezaho ingengabihe ku iyimurwa ry'abarimu (Transfer), buramenyesha abarimu bifuza guhindura aho gukorera (Transfer/Mutation) haba imbere mu Karere cyangwa mu kandi Karere, ko basabwe gutanga dosiye zabo zinyujijwe kuri email y'Akarere ariyo: gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw bitarenze 17/07/2020 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

**Ibisabwa ku bifuza gukorera mu Karere ka Gatsibo baturutse mu tundi turere,**[redacted]

- Ibaruwa isaba kwimurwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere aturutsemo.
- Icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka wa 2019.
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ikigo cy'Ishuri umwarimu yigishamo.
- Fotokopi y'ibaruwa y'akazi ya burundu
- Fotokopi y'impamyabushobozi ahemberwa igaragaza ibyo yize mu burezi
- Fotokopi y'indangamuntu
- Kugaragaza ikiciro usaba guhindurirwa ikigo ashaka kwigishamo (amashuri abanza, amashuri yisumbuye y'ubumenyi rusange, cyangwa amashuri y'ubumenyi ngiro).

**Ibisabwa ku bifuza kuva mu kigo bajya mu kindi imbere mu Karere ka Gatsibo ndetse no hanze y'Akarere**

- Ibaruwa isaba guhindurirwa ikigo yandikiwe umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo, iriho umukono w'ikigo k'ishuri uwanditse ashaka kujyaho n'icyo ashaka kuvaho.
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe.
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ikigo cy'Ishuri umwarimu yigishamo.
- Fotokopi y'ibaruwa y'akazi
- Fotokopi y'impamyabushobozi usaba guhindura ikigo ahemberwa,
- Kugaragaza ikiciro usaba guhindurirwa ikigo ashaka kwigishamo (amashuri abanza, amashuri yisumbuye y'ubumenyi rusange, cyangwa amashuri y'ubumenyi ngiro).

**ICYITONDERWA:** Abifuza kujya hanze y'Akarere ka Gatsibo barasabwa kuzana icyemezo cy'Ubuyobozi bw'Akarere bifuza kujyamo kigaragaza y'uko bazababonera umwanya .

**Bikorewe i Gatsibo, ku wa** 02/07/2…

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Akarere ka **GATSIBO.**